Icyigisho cya 13 cyo ku wa 29 Kamena 2024




# KUNESHA K'URUKUNDO RW'IMANA

“Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti ‘Dore ihema ry’Imana riri hamwe n’abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize’ ”

(Ibyahishuwe 21:3, 4)





Intambara ikomeye, ari yo kwigomeka kwa Satani ku butware bw'Imana, vuba aha igiye kurangira.

Ntabwo twasizwe mu icuraburindi ku byerekeranye n'uburyo iyi ntambara izarangira: Imana iranesha, Satani araneshwa.

Ndetse aka na kariya ku bijyanye n'urugamba ruheruka byasobanuwe neza muri Bibiliya.





- Igihe cy'umubabaro no gutabarwa.
- Igihe cy'ubwoba n'ibyishimo.
- Igihe cy'umwīrāre n'urubanza.
- Igihe cy'ubugingo n'urupfu.
- Igihe cyo gukunda no gukundwa.

# IGHE CY'UMUBABARO NO GUTABARWA

"Ayii, uwo munsi urakomeye nta wundi umeze nka wo! Ni igihe cy'umubabaro wa Yakobo ariko azakirokokamo" (Yeremiya 30:7)

"Turi mu bihe by'imperuka. Ibimenyetso birasohora vuba byerekana ko ukuza kwa Kristo kuri bugufi. Iminsi tubayemo ntisanzwe kandi ni ingenzi cyane." (E.G. White, *Testimonies for the Church* vol. 9, p. 11) . Ibyo bizaba ni ibiki?

**Ibyah. 22:11**



Urubanza rurarangira maze ibya buri wese bikanzurwa. Urugi rw'imbabazi rurakingwa.

**Yes. 8:21–22; Yer. 30:7**



Igihe cy'umubabaro. Abanyabyaha barashayisha nta rutāngīra, naho abakiranutsi ntibazi niba barababariwe.

**Ibyah. 15:7–8; Zab. 27:5**



Ibyago 7 by'imperuka bisukwa ku banze kwihana. Ubwoko bw'Imana burabungwabungwa kandi burarindwa.

**Ibyah. 16:14; 1Yoh 3:2–3**



Buri tsinda ryitegura guhura na Yesu. Bamwe ngo bamurwanye; abandi ngo bamwakire banezerewe.

Igihe Yesu azaba arangije umurimo we w'ubuhūza kandi Umwuka Wera akava mu banze kwihana, iherezo rya buri muntu rizaba ryemejwe. Ab'indahemuka bazakomeza kwitabwaho no kurindwa n'Imana, naho ababi bazaba bari mu maboko ya Satani. Buri wese azerekanira mu mico ye uwo yahisemo gukorera.

# IGIHE CY'UBWOBA N'IBYISHIMO

"Babwira imisozi n'ibitare bati 'Nimutugweho, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama' " (Ibyahishuwe 6:16)

Banze Amategeko y'Imana; Banze amazi y'ubugingo maze ubwabo bikorogoshera "ibitega bitobotse" ( Yeremiya 2:13).

Noneho bahuye amaso ku maso n'umucamanza. Bashobora gusa gutegereza umujinya no gucirwaho iteka. Ni nde uzabakiza? (Yesaya 2:19; Ibyahishuwe 6:16).



"Nuko uwo munsi bazavuga ngo ' Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke'." (Yesaya 25:9)



Babaye indahemuka ku Mategeko y'Imana; Banyoye ku mazi y'ubugingo (Ibyahishuwe 21:6). Noneho barebana n'Umucamanza wabo amaso ku maso. Bashobora gusa kwiringira agakiza. Ni iki cyababuza guturagara bagahimbaza? (Yesaya 25:9; Ibyahishuwe 15:3–4).

Satani arakarira abasigaye (Ibyahishuwe 12:17)

- Atera bose kumuramya no kumvira maategeko ye (Ibyahishuwe 13:15–17) → Ategurira ab'isi kurwanya Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 17:12–14) → Yesu, ku Kugaruka Kwe, arimbura abamurwanya bose (Ibyahishuwe 19:11–15)
- Abasigaye bakomeza kuba indahemuka ku Mategeko y'Imana (Ibyahishuwe 14:12) → Bategurirwa gusanganira Imana yabo (Amosi 4:12) → Yesu ajyana n'abāmwīzēye (Ibyahishuwe 19:6–8)



# IGIHE CY'UMWIRARE

"Isi izanyagwa ihinduke umwirare rwose, kuko Uwiteka ari we uvuze iryo jambo" (Yesaya 24:3)

Ubwo Yesu azaba aje, abera bo mu bihe byose basinziriye bazazuka; kandi abera bazaba bakiriho bazahindurwa, bazamuranwe nabo bajyane na Yesu mu ijuru (1Abatesalonike 4:16–17).

Abakiranirwa bazagwa imbere ya Yesu. Imirambo yabo ntizagira gihamba, kandi nta kimenyetso cy'ubuzima kizasigara ku isi (Yeremiya 25:33; Ibyahishuwe 19:17–21; Yeremiya 4:23–26; Yesaya 24:3).



Icyo gihe, Satani n'abamarayika be bazafungirwa ikuzimu imyaka igihumbi, batagira uwo bashobora gushuka (Ibyahishuwe 20:1–3).

Ikuzimu (*abyssos*=ahantu h'umwijima), hasobanura neza uko isi yari imeze igitangira kuremwa. Nta dayimoni izashukana kuko nta bantu bazima bazaba bari ku isi. Ku bamarayika bigometse, kizaba igihe cyo kwitekerezaho, ubwo bazaba baboheshejwe iminyururu y'ibihe, bidashoboka ko bava mu Isi y'umwīrāre.



# IGIHE CY'URUBANZA

"Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza; […] Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi" (Ibyahishuwe 20:4)



Niba Urubanza ruzaba rwaraciwe mbere yo Kugaruka kwa Yesu, kandi Yesu akaba yaramaze gutangaza imyanzuro yarwo aha ubugingo buhoraho abamwizeye … uru rubanza rushya ruzaba rugendereye iki?

Mu binyejana byinshi, Imana yerekanye urukundo rwayo kandi iha agakiza abantu bose bazākākīra. Yemereye kandi ikibi kwiyerekana.



Mu gihe cy'urubanza, amasi yose hamwe n'abamarayika batacumuye bazihamiriza ubutabera n'imbabazi by'Imana mu buryo bwose yakemuyemo ikibazo cy'icyaha no kwigomeka. Noneho bazaba birebera ingaruka nyakuri y'ubutware bwa Satani: isi irimo ubusa kandi yabaye umwīrāre.

Ariko twebwe ababaye mu isi yibasiwe n'umwanzi mu gihe cy'iyi ntambara, tuzaba twaracunguwe, natwe tuzahamya ubutabera n'imbabazi by'Imana. Mu rubanza rw'imyaka igihumbi tuzasobanukirwa neza n'urukundo rw'Imana ku buryo ikibi bitazongera kubaho ukundi (Nahumu 1:9).

# IGIHE CY'UBUGINGO N'URUPFU

"Dore hagiye kuza umunsi utwika nk'itanura, kandi abibone bose n'abakora ibibi bose bazamera nk'ibikenyeri. Uwo munsi ugiye kuza uzabakongora," ni ko Yehova nyir'ingabo avuga, "ku buryo utazabasigira umuzi cyangwa ishami" (Malaki 4:1)

"Ariko mwebwe abatinya izina ryanjye, izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mirase yaryo, kandi muzakinagira nk'inyana z'imishishe" (Malaki 4:2)

Mu mpera z'imyaka igihumbi, ababi bazazuka. Bazongera kwemera kuyoborwa na Satani, maze bongere kurwanya Imana n'abera. Ntibazahinduka; nuko bose barimbuzwe umuriro (Ibyahishuwe 20:5–9).



Ariko mbere y'uko barimburwa, hazabaho igika giheruka cy'urubanza. Ibitabo birabumburwa, kandi buri wese yemera imirimo ye yanditswemo n'uko banze irarika rya Mwuka Wera ryuje urukundo. Bose bemera ubutabera bw'Imana, kandi bapfukame imbere yayo (Ibyahishuwe 20:11–13; Yesaya 45:23; Abafilipi 2:10).



Aho kubaho ubuziraherezo (guhanwa iteka ryose), bazahanishwa "urupfu rwa kabiri", ni ukuvuga ko nta kuzuka ukundi (Ibyahishuwe 20:14–15; Zaburi ya 37:20; Malaki 4:1; Yesaya 26:14).

Urupfu n'icyaha bizaba birangiye, igihe kigeze cyo guhanagura amarira yose, no kwishimira ubugingo buhoraho kandi bw'umunezero (Ibyahishuwe 21:4).




# IGIHE CYO GUKUNDA NO GUKUNDWA

"Uwiteka yambonekeye kera ati ' Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza nkakwiyegereza' " (Yeremiya 31:3)

**Nonese tuzakora iki mu bihe bidashira turi mu Isi Nshya?**







**Umusaraba wa Kristo uzahora ari icyigisho n'indirimbo by'abacunguwe mu kubaho kwabo kose.**

**Mu [...] bibaya bitūje, ku nkengero z'[...] imigezi itembana itūze, ni ho iwabo [...] w'abacunguwe.**

**Aho, ubwenge butajijwa bazanezezererwa ibitangaza by'imbaraga yo kurema.**

**Ubwenge n'impano zose bizakomeza gukura. Ubumenyi bushya buzajya bwungukwa.**

**Ubumenyi bushya buzajya bwungukwa ntibuzananiza imitima kandi ntibuzacogoza imbaraga.**

**Umugambi mwiza watekerejwe uzagerwaho, kandi icyifuzo cyatangiwe kizashimisha abantu, n'icy'umuntu yifuje kugeraho kizashoboka.**

**Hazahoraho gutera intambwe zo kuzamuka mu rwego rw'ubumenyi, kunguka ibishya byo kubatangaza, ukuri gushya kugomba kumenywa; imbaraga z'ubwenge, umutima, n'umubiri zizahora zivugururwa.**

**Bazafatanyiriza hamwe [n'abataracumuye] ubutunzi bw'ubwenge no kumenya by'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo.**

**Bazareba ubwiza bw'iby'Imana yaremye nta kibatwikiriye; izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo, byose bigendera kuri gahunda byahawe, bikagenda bizenguruka Intebe y'Imana.**

Byakuwe mu gitabo "*Intambara Ikomeye*", pp. 627, 648, 651.

“Intambara ikomeye irarangiye. Icyaha n’abanyabyaha ntibazongera kubaho ukundi. Ijuru ryose n'isi yose birejejwe. Umunezero usāba imitima y’ibyaremwe byose. Imigezi y’ubugingo, umucyo n’umunezero bitemba bituruka ku Muremyi bisēndēra hose. Guhera ku kanyabuzima gatoya kadashobora kuboneshwa ijisho ukageza ku isi irusha izindi ubunini, ibyaremwe byose, ibihumeka n’ibidahumeka, mu bwiza bwabyo busesuye no mu munezero wabyo uhoraho, bitangaza ko Imana ari urukundo.”



E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 42, p. 652